MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES	REPUBULIKA Y' URWANDA IBIRO BYA MINISITIRI	MINISTERE DE L'AGRICULTURE ET DES RESSOURCES ANIMALES

ITANGAZO RYA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI RIREBANA N'ITWARWA RY'AMATUNGO

Nyuma y'aho bimaze kugaragarira ko amatungo avuye ku masoko atandukanye agenda atwawe nabi, aziritse imigozi, amwe adafite ibiyaranga, kurenza umubare w'amatungo wagenewe gupakirwa mu modoka, ibi byose bigakorwa hirengagijwe amategeko n'amabwiriza ariho ;

Ashingiye ku Itegeko N° 33/2002 ryo kuwa 06/11/2002 ryerekeye ibiranga amatungo ;

Ashingiye kandi ku Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, mu ngingo yaryo ya 436;

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi yongeye kwibutsa abantu bose, by'umwihariko abakora umwuga wo gucuruza amatungo no kuyatwara, ibi bikurikira:

- Birabujijwe ku mpamvu iyo ariyo yose gufata nabi amatungo, kuyakubita, kuyakomeretsa, kuyazirika imigozi cyangwa iminyururu ku buryo bubangamiye ubuzima bwayo.

- Itungo rigomba kuba ryambaye iherena ririranga. Iyo rigiye kugurishwa, kwimurirwa ahandi haba mu kindi kiraro cyangwa rijyanywe mu ibagiro, rigomba guherekezwa n'icyangombwa gitangwa n'inzego zibishinzwe.

- Ingendo z'amatungo hagati mu Karere ziherekezwa n'urwandiko rw'inzira rwa veterineri ushinzwe ako Karere, naho hagati mu Ntara ziherekezwa n'urwandiko rw'inzira rw'umuyobozi w'ubuhinzi n'ubworozi mu Ntara. Ingendo z'amatungo hagati y'Intara n'indi, uretse amatungo avanywe ku masoko ku mpamvu zo kubagwa, ziherekezwa n'urwandiko rw'inzira rutangwa n'Ikigo gishinzwe iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi (RAB).

- Amatungo yimuwe, ajyanwe ku masoko cyangwa ku mabagiro agomba kugenda mu binyabiziga byabigenewe kandi agatwarwa mu buryo butabangamiye

ubuzima bwayo. Ipakirwa n'ipakururwa ryayo rikorwa hiyambajwe ibikoresho bifashe neza ku kinyabiziga bituma atanyerera.

- Inka zigomba kugenda mu modoka zisanzuye kandi zihagaze ku isaso itanyerera. Birabujijwe kuzirika ibice by'umubiri w'itungo ku modoka no kurenza umubare w'amatungo agenewe kujya mu modoka. Uzabirengaho azahanishwa ingingo ya 436 y'igitabo cy'amategeko ahana.

- Umubare w'amatungo ntarengwa ku kinyabiziga gifite karisoro ifite uburebure bwa metero 9 ni inka nkuru 18 cyangwa inyana 25, Ingurube 42, Intama cyangwa ihene 62.

- Birabujijwe gutwara uvanze amatungo magufi n'amaremare mu kinyabiziga kimwe no gutwara abantu bavanze n'amatungo. Amatungo magufi agomba kugira umwanya uhagije ku buryo ashobora kuryama; Inkwavu n'inkoko zo zishyirwa mu butete zigapakirwa mu modoka kuburyo bitabangamira ubuzima bwazo.

- Ingendo z'amatungo zikorwa kuva saa kumi n'ebyiri za mugitondo kugeza saa kumi n'ebyiri za nimugoroba. Iyo utwaye amatungo ahuye n'impamvu ishobora gutuma atinda mu nzira, abimenyesha Ikigo RAB.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi aributsa ko amatungo yororerwa mu ngo agomba kuba ahantu heza hatabangamiye ubuzima bwayo, akagaburirwa neza kandi agafatwa neza.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi arasaba ubufatanye bw'Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze na Polisi y'Igihugu mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye muri iri tangazo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 20/12/2013

Dr. Agnes Matilda KALIBATA
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi